REPUBULIKA Y'U RWANDA

Komisiyo y'Igihugu yo Kurwanya Jenoside

RAPORO Y'IBIKORWA BYA KOMISIYO Y'IGIHUGU YO KURWANYA JENOSIDE

Mutarama 2009- Kamena 2010

Kigali, Nzeri, 2010

ISHAKIRO

ISHAKIRO ..... **ii**

URUTONDE RW'IMBONERAHAMWE ..... **iv**

URUTONDE RW'IBISHUSHANYO (Graphiques) ..... **vi**

URUTONDE RW'IMPINE Z'AMAGAMBO ..... **viii**

IJAMBO RY'IBANZE **1**

IRIBURIRO **4**

I. IBIKORWA BYA KOMISIYO Y'IGIHUGU YO KURWANYA JENOSIDE (CNLG) **6**

I.1. IBIKORWA BY'INAMA Y'ABAKOMISERI **6**

I.2. IBIKORWA BY'UBUNYAMABANGA NSHINGWABIKORWA **7**

I.2.1. IBIKORWA MURI RUSANGE 7

I.2.2. IBIKORWA BY'UMWIHARIKO 10

A. IBIKORWA BIJYANYE NO KWIBUKA NO GUKUMIRA JENOSIDE 10

a. Ibikorwa bijyanye no kwibuka no gushyingura mu cyubahiro 10

b. Ibikorwa bijyanye no gukumira, kurwanya Jenoside n'ingengabitekerezo yayo no guhangana n'ipfobya n'ihakana ryayo 11

c. Ibikorwa bijyanye no kubaka, gusana no gufata neza inzibutso 11

d. Ibikorwa bijyanye no kubungabunga ibimenyetso bya Jenoside 11

B. IBIKORWA BIJYANYE N'UBUSHAKASHATSI, KUBUTANGAZA N'UBUBIKOSHAKIRO KURI JENOSIDE 14

a. Ibikorwa bijyanye n'Ubushakashatsi 14

b. Ibikorwa bijyanye n'Ububikoshakiro n'Isomero 15

c. Ibikorwa bijyanye no gutangaza ibiva mu bushakashatsi 17

d. Imyiteguro irebana n'Ishyirwaho ry'Ikigo cy'Ubushakashatsi, Ububikoshakiro no kubutangaza (Research and Documentation Centre on Genocide) 18

e. Ibindi bikorwa 19

C. IBIKORWA BIJYANYE N'UBUVUGIZI BW'ABACITSE KU ICUMU RYA JENOSIDE 21
a. Ibikorwa bijyanye no kuvuganira abacitse ku icumu rya Jenoside 21
b. Ibikorwa bijyanye no gushakira imfashanyo abacitse ku icumu rya Jenoside 24
c. Ibikorwa bijyanye no guhangana n'ingaruka za Jenoside 24
d. Ibindi bikorwa 25
D. INGENGO Y'IMARI YAKORESHEJWE KUVA MURI Mutarama 2009 KUGEZA MURI Kamena 2010 26
II. INZITIZI KURI KOMISIYO 28
III. INGAMBA 29
***UMUSOZO* 31**
***IMIGEREKA* 32**

URUTONDE RW'IMBONERAHAMWE

Igishushanyo cya 1 kigaragaza ibibazo byakiriwe mu rwego rw'ubuvugizi n'uko byasubijwe 23
Igishushanyo cya 2 kigaragaza ibibazo by'umutekano byagejejwe kuri Komisiyo biturutse mu Mujyi wa Kigali 56
Igishushanyo cya 3 kigaragaza ibibazo by'umutekano byagejejwe kuri Komisiyo biturutse mu Ntara y'Amajyaruguru 57
Igishushanyo cya 4 kigaragaza ibibazo by'umutekano byagejejwe kuri Komisiyo biturutse mu Ntara y'Iburasirazuba 58
Igishushanyo cya 5 kigaragaza ibibazo by'umutekano byagejejwe kuri Komisiyo biturutse mu Ntara y'Amajyepfo 60
Igishushanyo cya 6 kigaragaza ibibazo by'umutekano byagejejwe kuri Komisiyo biturutse mu Ntara y'Iburengerazuba 61
Igishushanyo cya 7 kigaragaza ibibazo by'imitungo byagejejwe kuri Komisiyo biturutse mu Mujyi wa Kigali 62
Igishushanyo cya 8 kigaragaza ibibazo by'imitungo byagejejwe kuri Komisiyo biturutse mu Ntara y'Amajyaruguru 63
Igishushanyo cya 9 kigaragaza ibibazo by'imitungo byagejejwe kuri Komisiyo biturutse mu Ntara y'Iburasirazuba 65
Igishushanyo cya 10 kigaragaza ibibazo by'imitungo byagejejwe kuri Komisiyo biturutse mu Ntara y'Amajyepfo 66
Igishushanyo cya 11 kigaragaza ibibazo by'imitungo byagejejwe kuri Komisiyo biturutse mu Ntara y'Iburengerazuba 68
Igishushanyo cya 12 kigaragaza ibibazo by'imibereho byagejejwe kuri Komisiyo biturutse mu Mujyi wa Kigali 69
Igishushanyo cya 13 kigaragaza ibibazo by'imibereho byagejejwe kuri Komisiyo biturutse mu Ntara y'Amajyaruguru 70

Igishushanyo cya 14 kigaragaza ibibazo by'imibereho byagejejwe kuri Komisiyo biturutse mu Ntara y'Iburasirazuba 71
Igishushanyo cya 15 kigaragaza ibibazo by'imibereho byagejejwe kuri Komisiyo biturutse mu Ntara y'Amajyepfo 72
Igishushanyo cya 16 kigaragaza ibibazo by'imibereho byagejejwe kuri Komisiyo biturutse mu Ntara y'Iburengerazuba 73

URUTONDE RW'IBISHUSHANYO (Graphiques)

Igishushanyo cya 1 kigaragaza ibibazo byakiriwe mu rwego rw'ubuvugizi n'uko byasubijwe 23
Igishushanyo cya 2 kigaragaza ibibazo by'umutekano byagejejwe kuri Komisiyo biturutse mu Mujyi wa Kigali 56
Igishushanyo cya 3 kigaragaza ibibazo by'umutekano byagejejwe kuri Komisiyo biturutse mu Ntara y'Amajyaruguru 57
Igishushanyo cya 4 kigaragaza ibibazo by'umutekano byagejejwe kuri Komisiyo biturutse mu Ntara y'Iburasirazuba 58
Igishushanyo cya 5 kigaragaza ibibazo by'umutekano byagejejwe kuri Komisiyo biturutse mu Ntara y'Amajyepfo 60
Igishushanyo cya 6 kigaragaza ibibazo by'umutekano byagejejwe kuri Komisiyo biturutse mu Ntara y'Iburengerazuba 61
Igishushanyo cya 7 kigaragaza ibibazo by'imitungo byagejejwe kuri Komisiyo biturutse mu Mujyi wa Kigali 62
Igishushanyo cya 8 kigaragaza ibibazo by'imitungo byagejejwe kuri Komisiyo biturutse mu Ntara y'Amajyaruguru 63
Igishushanyo cya 9 kigaragaza ibibazo by'imitungo byagejejwe kuri Komisiyo biturutse mu Ntara y'Iburasirazuba 65
Igishushanyo cya 10 kigaragaza ibibazo by'imitungo byagejejwe kuri Komisiyo biturutse mu Ntara y'Amajyepfo 66
Igishushanyo cya 11 kigaragaza ibibazo by'imitungo byagejejwe kuri Komisiyo biturutse mu Ntara y'Iburengerazuba 68
Igishushanyo cya 12 kigaragaza ibibazo by'imibereho byagejejwe kuri Komisiyo biturutse mu Mujyi wa Kigali 69
Igishushanyo cya 13 kigaragaza ibibazo by'imibereho byagejejwe kuri Komisiyo biturutse mu Ntara y'Amajyaruguru 70

Igishushanyo cya 14 kigaragaza ibibazo by'imibereho byagejejwe kuri Komisiyo biturutse mu Ntara y'Iburasirazuba 71
Igishushanyo cya 15 kigaragaza ibibazo by'imibereho byagejejwe kuri Komisiyo biturutse mu Ntara y'Amajyepfo 72
Igishushanyo cya 16 kigaragaza ibibazo by'imibereho byagejejwe kuri Komisiyo biturutse mu Ntara y'Iburengerazuba 73

URUTONDE RW'IMPINE Z'AMAGAMBO

AACC : American Association of Christian Councellors

AERG : Association des Etudiants Rescapés du Genocide

ARCT : Association Rwandaise des Conseillers en Traumatisme

AVEGA : Association des Veuves du Génocide-Agahozo

BRD : Banque Rwandaise de Développement

CAP : Center d'Appui à l'auto Promotion

CNLG : Commission Nationale de Lutte contre le Génocide

DRC : Democratic Republic of Congo

FARG : Fonds d'Assistance aux Rescapés du Génocide

IGSC : Interdisplinary Genocide Studies Center

INATEK : Institut d'Agriculture, de Technologie et de l'Education de Kibungo

ISAE : Institut des Sciences Agronomiques et d'Elevage

KHI : Kigali Health Institute

KIST : Kigali Institute of Science and Technology

MIFOTRA : Ministère de la Fonction Publique et du Travail

MINALOC : Ministry of Local Govenment

MINISANTE: Ministère de la Santé

NUR : National University of Rwanda

ONPJ : Organe National de Police Judiciaire

PNUD : Programme de Nations Unies pour le Développement

RBS : Rwanda Bureau of Standards

SCPS : Service de Consultation Psycho-Sociale

SFB : School of Finance and Banking

UAAC : Université Adventiste d'Afrique Centrale

UCK : Université Catholique de Kabgayi

ULK : Université Libre de Kigali

USA : United States of America

IJAMBO RY'IBANZE

Komisiyo y'Igihugu yo Kurwanya Jenoside ni urwego rw'Igihugu rwigenga ruhuza gahunda zose zigamije kurwanya no gukumira Jenoside kugira ngo itazongera kubaho ukundi. Komisiyo yashyizweho n'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo kuwa 04 Kamena 2003 nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu mu ngingo yaryo ya 179, riyigenera inshingano zikurikira :

- Gushyiraho uburyo buhoraho bwo kungurana ibitekerezo ku byerekeye Jenoside, ingaruka zayo n'ingamba zigamije kuyirinda no kuyirandurana n'imizi;
- Gushyiraho ikigo cy'ubushakashatsi, ububikoshakiro n'isomero ry'inyandiko zerekeye Jenoside;
- Kuvuganira abacitse ku icumu rya Jenoside haba mu Gihugu cyangwa hanze yacyo;
- Gutegura no guhuza ibikorwa byose bigamije kwibuka Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994;
- Gufatanya n'izindi nzego z'Igihugu cyangwa z'amahanga bisangiye intego.

Itegeko N° 09/2007 ryo kuwa 16/02/2007 rigena inshingano, imiterere n'imikorere bya Komisiyo y'Igihugu yo Kurwanya Jenoside mu ngingo yaryo ya 4 ryongeyeho izindi nshingano, ari zo izi zikurikira:

- Gushyiraho ingamba zo gukumira no kurwanya Jenoside n'ingengabitekerezo yayo;
- Gushakira imfashanyo abacitse ku icumu rya Jenoside no gukomeza ubuvugizi ku kibazo cy'indishyi;
- Gushyiraho ingamba zo kurwanya abahakana n'abapfobya Jenoside;
- Gushyiraho ingamba zo guhangana n'ingaruka za Jenoside, nk'ihungabana n'izindi ndwara zatewe na Jenoside;

Komisiyo y'Igihugu yo Kurwanya Jenoside ishyikiriza buri mwaka, Inteko Ishinga Amategeko na Guverinoma, porogaramu na raporo y'ibikorwa byayo ikagenera kopi izindi nzego za Leta ziteganywa n'itegeko (ingingo ya 8, 9º).

Tariki ya 21 Mata 2008, nibwo habaye ihererekanyabubasha hagati ya Minisiteri ya Siporo n'Umuco na Komisiyo y'Igihugu yo Kurwanya Jenoside.

Komisiyo yahawe n'Inama Ngishwanama yateranye tariki 18-19 Ukuboza 2008 umurongo ngenderwaho ukurikira: « ugukumira no kurwanya Jenoside n'ingengabitekerezo yayo no guhangana n'ingaruka zayo mu Gihugu no hanze »
Mu gihe Komisiyo imaze igiyeho yakoze ibishoboka byose kugira ngo imyumvire y'Abanyarwanda ibe myiza, ive mu mateka mabi yashyize u Rwanda mu icuraburindi rya Jenoside igane ku cyizere cy'ubuzima bwiza bw'ejo hazaza.

Ni muri urwo rwego yashyize ingufu mu Kurwanya ingengabitekerezo ya Jenoside ibinyujije mu biganiro inyuza ku maradiyo anyuranye na Televiziyo y'u Rwanda, mu binyamakuru, mu ngando z' abanyeshuri n'ibindi biganiro igira hirya no hino mu Gihugu ndetse no mu mahanga ifatanyije n'izindi nzego.
Komisiyo yakomeje gushyingura mu cyubahiro imibiri yari yandagaye hirya no hino mu Gihugu ari nako ikomeza gushishikariza inzego zinyuranye n'Abaturarwanda muri rusange kugira uruhare muri icyo gikorwa.

Mu kubungabunga ibimenyetso bya Jenoside, Komisiyo yakoze inyigo yo kubika ku buryo burambye ibimenyetso bya Jenoside hifashishijwe inzobere muri icyo gikorwa, inasana zimwe mu nzibutso za Jenoside.

Nk'uko biri mu nshingano Komisiyo yahawe, hakozwe ubuvugizi kugira ngo imibereho y'abacitse ku icumu yitabweho kurushaho, hongerwa imibare y'abajya mu mashuri, hubakwa amacumbi y'abacitse ku icumu batishoboye n'ibindi.
Komisiyo yateye inkunga ubushakashatsi butandukanye kuri Jenoside.

Kugira ngo ishobore kugera ku nshingano zayo Komisiyo ifatanya n'izindi nzego zaba izo mu Rwanda cyangwa mu mahanga bisangiye intego.

Komisiyo irashimira Inama Ngishwanama n'izindi nzego, abanyarwanda bose, inshuti z'u Rwanda, n'abandi bose bayifashije gushyira mu bikorwa inshingano zayo. Komisiyo irifuza kandi irizera ko ubwo bufatanye buzakomeza.

Mugire amahoro.

TUYISENGE Christine
Visi Perezida wa Komisiyo

IRIBURIRO

Komisiyo y'Igihugu yo Kurwanya Jenoside, muri iyi raporo ya Mutarama 2009-Kamena 2010, yakoze ibikorwa bijyanye n'inshingano zayo zijyanye no gukumira, kurwanya Jenoside n'ingengabitekerezo yayo, kuvuganira abacitse ku icumu rya Jenoside, gukora ubushakashatsi kuri Jenoside, gutegura no guhuza ibikorwa byose bigamije kwibuka Jenoside yakorewe Abatutsi yo mu 1994.

Mu gukumira, kurwanya Jenoside n'ingengabitekerezo yayo, ku bufatanye n'umuryango utegamiye kuri Leta « La Benevolencija », Komisiyo yatanze inyigisho mu mashuri yisumbuye zikaba zarakanguriraga abanyeshuri n'abakozi gusobanukirwa uko Jenoside itegurwa, uko ishyirwa mu bikorwa, ububi bwayo ndetse no kurwanya ingengabitekerezo yayo. Icyo gikorwa kikajyana no kubakangurira kwitabira « Clubs Anti-Genocide ».

Komisiyo kandi yerekanye filimi « Long Coat » muri gereza umunani kuri cumi n'enye ndetse no mu baturage bazegereye, igakurikirwa n'ibiganiro bigamije gukangurira abafungiye icyaha cya Jenoside kumenya ububi bwayo n'ingaruka zayo, kwirega no kuvugisha ukuri ndetse no gukangurira abandi baturage bakurikiye filimi n'ibiganiro kubana neza.

Mu rwego rwo kuvuganira abacitse ku icumu, Komisiyo yakiriye ibibazo byinshi kandi binyuranye byabo, bimwe irabikemura ibindi ibishyikiriza inzego bireba.

Komisiyo yifashishije impuguke mu gushakira umuti ikibazo cy'ihungabana rikomeza kwiyongera mu banyarwanda, bityo hakorwa amahugurwa ku bafasha mu by'ihungabana, baranakurikiranwa mu gihe cy'icyumweru cyo kwibuka.

Hakozwe kandi ubushakashatsi butandukanye ku miterere y'inzibutso, handikwa n'amateka ya Jenoside ku Turere tumwe na tumwe tw'u Rwanda, hakusanywa n'inyandiko zimwe na zimwe kuri Jenoside.

Hakozwe inama mpuzamahanga ngaruka mwaka ebyiri kuri Jenoside n' indi ku kubungabunga ibimenyetso bya Jenoside zahuje impuguke zinyuranye.
Mu rwego rwo kubungabunga ibimenyetso bya Jenoside no gusubiza agaciro abazize Jenoside, Komisiyo yasannye kandi yubaka zimwe mu nzibutso mu Gihugu no hanze (Uganda), inatangira gushakisha ahandi hari imibiri hanze y'Igihugu (Tanzaniya, Burundi na DRC).
Hashyizweho kandi abakozi bahoraho bo kwita ku mirimo yose ikorerwa kuri zimwe mu nzibutso zo ku rwego rw'Igihugu.

Komisiyo yateguye inahuza ibikorwa byose byo kwibuka ku nshuro ya cumi na gatanu n'iya cumi na gatandatu Jenoside yakorewe Abatutsi. Ibyo bikorwa byabereye ku rwego rw'Igihugu, ku nzego z'ibanze no hanze y'Igihugu, byitabirwa n'abanyarwanda benshi n'inshuti zabo.
Komisiyo yashishikarije ibigo bya Leta, ibyigenga, ambasade, amashuri, amadini n'abandi kwibuka, gufasha no gutera inkunga abacitse ku icumu rya Jenoside, kubaka inzibutso, kwerekana ahari imibiri itarashyingurwa, kuyishyigura no kwandika amateka kuri Jenoside.

Komisiyo irashimira inzego zose, abafatanyabikorwa, abagize Inama y'Abakomiseri n'abakozi bayo bose kubera ubwitange n'ubufatanye mu kubahiriza inshingano yahawe.

Mugire amahoro.

MUCYO Jean de Dieu
Umunyamabanga Nshingwabikorwa

I. IBIKORWA BYA KOMISIYO Y'IGIHUGU YO KURWANYA JENOSIDE (CNLG)

Mu rwego rwo gushyira mu bikorwa umurongo ngenderwaho watanzwe n'Inama Ngishwanama, arirwo rwego rukuru rwa Komisiyo, yateranye kuwa 18-19 Ukuboza 2008, ariwo **« Ugukumira no kurwanya Jenoside n'ingengabitekerezo yayo no guhangana n'ingaruka zayo mu Gihugu no hanze »,** Komisiyo yakoze ibi bikurira :

I.1. IBIKORWA BY'INAMA Y'ABAKOMISERI

Nk'uko biteganywa n'itegeko rishyiraho Komisiyo mu ngingo zaryo iya 8 n'iya 9, Abakomiseri bakoze ibikorwa bikurikira :

- Hakozwe inama zo guha umurongo no kwemeza ibikorwa bya Komisiyo ;
- Gutegura ibikorwa by'icyumweru cyo kwibuka ku nshuro ya cumi na gatanu no ku nshuro ya cumi na gatandatu Jenoside yakorewe Abatutsi ;
- Gutanga ibiganiro bishingiye ahanini ku nsanganyamatsiko zo kwibuka ku nshuro ya cumi na gatanu[1] na cumi na gatandatu[2] mu Gihugu no hanze ;
- Hakurikiranwe imicungire y'umutungo wa Komisiyo ;
- Hemejwe iteganyabikorwa bya Komisiyo mu mwaka 2009-2010 na 2010-2011 ;
- Hasuzumwe hanemezwa raporo z'ikoreshwa ry'ingengo y'imari ya Komisiyo ;
- Hasuzumwe kandi hemezwa raporo za buri gihembwe ;
- Hemejwe imbanzirizamushinga w'ingengo y'imari ya 2009-2010 na 2010-2011 ;
- Hemejwe impano y'ibikoresho n'ibitabo yatanzwe na HUMURA CENTER na Interdisciplinary Genocide Studies Center (IGSC);
- Hakurikiranwe imikorere y'Ubunyamabanga Nshingwabikorwa bwa Komisiyo ;
- Hasuwe inzibutso zikurikira : Gisozi, Murambi, Bisesero, Nyarubuye, Nyamata, Rebero, Nyanza ya Kicukiro, Ntarama, Gahanga, Musha, Nyarugunga, Kabgayi, Ruhango, na Nyange, mu rwego rwo gushishikariza abanyarwanda gusura

[1] Twibuke Jenoside yakorewe Abatutsi turwanya ipfobya n'ihakana ryayo, twubaka igihugu cyacu.
[2] Twibuke Jenoside yakorewe Abatutsi turushaho gufatanya mu guhangana n'ihungabana.

inzibutso za Jenoside no kureba uko zimeze kugira ngo izitameze neza zisanwe cyangwa zubakwe ;

- Komisiyo yashyikirije Inteko Ishinga Amategeko na Guverinoma porogaramu ya 2009 na raporo y'ibikorwa bya 2008, igenera kopi inzego ziteganywa n'itegeko.

I.2. IBIKORWA BY'UBUNYAMABANGA NSHINGWABIKORWA

Nk'uko biteganywa n'itegeko rishyiraho Komisiyo mu ngingo yaryo ya 21, Ubunyamabanga Nshingwabikorwa ni bwo buyobora imirimo ya buri munsi ya Komisiyo, bukanahuza ibikorwa byayo byose.

Muri iyi raporo ya 2009-2010, ibikorwa byibanze kuri ibi bikurikira :

I.2.1. IBIKORWA MURI RUSANGE

- Hateguwe kandi hitabirwa inama zateguraga ibikorwa byo kwibuka ku nshuro ya cumi na gatanu[3] no kuya cumi na gatandatu Jenoside yakorewe Abatutsi, hanitabirwa imihango yo kwibuka hirya no hino ;
- Hateguwe kandi hitabirwa imirimo y'Inama ebyiri Mpuzamahanga kuri Jenoside zabereye muri SERENA Hotel, ku matariki ya 4-6 Mata 2009 n'iya 4-6 Mata 2010;
- Hateguwe kandi hitabirwa inama zinyuranye zikurikira:
    - ✓ Inama yahuje Komisiyo n'abafatanyabikorwa bayo ku ishyirwaho ry'ikigo cy'ubushakashatsi, ububikoshakiro no kubutangaza (National Centre of Research and Documentation on Genocide), yabaye tariki ya 6 Kanama 2009 muri Laico Umubano Hotel,
    - ✓ Inama ku Masezerano Mpuzamahanga yo gukumira no guhana icyaha cya Jenoside yabaye ku itariki ya 8 Ukuboza 2009 muri Hôtel des Mille Collines,

[3] Raporo yo kwibuka ku nshuro ya 15 Jenoside yakorewe Abatutsi, 2009.

- ✓ Inama Mpuzamahanga ku kubungabunga no gufata neza ibimenyetso bya Jenoside yakorewe Abatutsi yabereye muri SERENA Hotel kuva tariki ya 5 kugeza ku ya 6 Gashyantare 2010,
- ✓ Inama ku rwego rw'Igihugu ku ihungabana yahuje Komisiyo n'inzego zita ku buzima bwo mu mutwe, yabereye muri Laico Umubano Hotel kuwa 9 Werurwe 2010,
- ✓ Inama yahuje Komisiyo, Minisiteri y'Ibikorwa Remezo, Minisiteri ya Siporo n'Umuco, Ikigo cy'Igihugu gishinzwe ubutaka n'Urugaga rw'impuguke mu by'ubwubatsi ku bijyanye n'uburyo bunoze bwo kubaka inzibutso za Jenoside, yabereye ku cyicaro cya Komisiyo ku itariki ya 22 Kamena 2010 ;
- ✓ Inama zihoraho n'abafatanyabikorwa ku kunoza imikoranire na Komisiyo,
- ✓ inama enye mpuzamahanga zitabiriwe n'Ubunyamabanga Nshingwabikorwa zikurikira :
  - ❖ kuva tariki ya 14 kugeza tariki ya 20 Mutarama 2009, i California muri USA ku bufatanye na "California Institute of the Arts na Interdisciplinary Genocide Studies Center" ;
  - ❖ kuva tariki ya 29 Ugushyingo 2009 habaye inama yahuje intumwa za Komisiyo, Akarere ka Kirehe, Minisitiri ushinzwe Ibikorwa bya "East African Community" muri Tanzaniya n'Ubuyobozi bwa District ya Ngara ;
  - ❖ kuva tariki ya 13 kugera kuya 19 Ukuboza 2009 ku butumire bwa "American Association of Christian Councellors" (AACC) mu Gihugu cya Leta Zunze Ubumwe za Amerika (Washington D.C.) ku bijyanye n'ihungabana;
  - ❖ kuva tariki ya tariki 17 kugeza tariki 22 Mutarama 2010, muri High Commission y'u Rwanda i Kampala habereye inama yigaga ku

kuvugurura no gutunganya inzibutso za Jenoside yakorewe Abatutsi mu Rwanda ziri muri Uganda;

- ❖ kuva kuya 3 kugeza kuya 5 Werurwe 2010, Arusha muri Tanzaniya habereye inama ya kabiri mpuzamahanga yigaga ku gukumira Jenoside;

- Hakiriwe intumwa ziturutse hirya no hino (Kenya, Sudan, Somalia, USA, Canada, Uganda, South Africa, ….) zari mu ngendoshuri, hanatangwa ibiganiro binyuranye mu ngando z'abanyeshuri bashaka kujya kwiga muri za Kaminuza n'Amashuri makuru n'ahandi hose Komisiyo yatumirwaga;
- Hatanzwe ibiganiro kuri Radiyo zinyuranye na Televiziyo y'u Rwanda birebana n'inshingano n'ibikorwa bya Komisiyo, hanategurwa ikinyamakuru cya Komisiyo (ICYIZERE) gisohoka buri kwezi, hanashyirwa amakuru ku rubuga rwa Internet rwa Komisiyo (www.cnlg.gov.rw) ;
- Hakozwe inama zinyuranye n'abakozi ba Komisiyo nk'uko biteganywa mu Itegeko Ngengamikorere;
- Hakiriwe abantu banyuranye mu kazi ka buri munsi;
- Hateguwe imbanzirizamushinga w'Itegeko rihana abahakana n'abapfobya icyaha cya Jenoside rishyikirizwa Minisiteri y'Ubutabera, bimenyeshwa Inteko Ishinga Amategeko Imitwe yombi ;
- Hakurikiranywe dosiye z'abantu bagana Komisiyo bafite ibibazo bitandukanye bijyanye n'imyigire, akarengane, umutekano, uburwayi bunyuranye, imanza zisanzwe n'iza gacaca, amacumbi, imishinga, ubushakashatsi, inzibutso, gushakisha imibiri aho yajugunywe, n'ibindi;
- Hateguwe kandi hashyikirizwa Inama y'Abakomiseri imbanzirizamishinga y'ingengo y'imari, gahunda na raporo z'ibikorwa kugira ngo byemezwe;
- Hakozwe ubugenzuzi mu mashami yose agize Komisiyo harebwa ibikorwa bya buri munsi, hatangwa n'inama zo kunoza imikorere ;

- Hakanguriwe, hanashishikarizwa ibigo bitandukanye gahunda yo kwibuka, kwandika amateka ya Jenoside, gusura no gufasha abapfakazi n'imfubyi zibana hirya no hino mu rwego rwo kwibuka, babafasha kwiyubaka;
- Hateguwe hanakurikiranwa gahunda z'amahugurwa y'abakozi banakorerwa isuzumamikorere;
- Hakiriwe imishinga y'ubushakashatsi kuri Jenoside, itangwaho ibitekerezo, imwe muri yo iterwa inkunga;
- Hatekerejwe hanemezwa ikirango cya Jenoside yakorewe Abatutsi;
- Habaye ubufatanye n'inzego zinyuranye, zimwe zigirana amasezerano na Komisiyo.

I.2.2. IBIKORWA BY'UMWIHARIKO

A. IBIKORWA BIJYANYE NO KWIBUKA NO GUKUMIRA JENOSIDE

a. Ibikorwa bijyanye no kwibuka no gushyingura mu cyubahiro

- Hateguwe inama zinyuranye zateguraga kwibuka ku nshuro ya cumi na gatanu n'iya cumi na gatandatu Jenoside yakorewe Abatutsi, hanategurwa ibiganiro byifashishijwe muri icyo gihe cyo kwibuka na nyuma yacyo;
- Hatewe inkunga ibikorwa byo kwibuka mu Rwanda no mu mahanga;
- Hakozwe raporo y'ibikorwa byo kwibuka ku nshuro ya cumi na gatanu, naho iyo kwibuka ku nshuro ya cumi na gatandatu iracyanozwa;
- Hakozwe ubukangurambaga hifashishijwe itangazamakuru rinyuranye, imirongo ya telefoni zitishyurwa, urubuga rwa Internet, ibiganiro hagamijwe gushaka amakuru ku mibiri itarashyingurwa kugira ngo ishyingurwe mu cyubahiro.

b. Ibikorwa bijyanye no gukumira, kurwanya Jenoside n'ingengabitekerezo yayo no guhangana n'ipfobya n'ihakana ryayo

- Hatewe inkunga ibikorwa byo kurwanya ingengabitekerezo ya Jenoside, no guhangana n'ipfobya n'ihakana byayo;
- Hakanguriwe abaturarwanda kubana mu mahoro, gukumira Jenoside no kurwanya ingengabitekerezo yayo hifashishijwe amashusho (Filimi "Long Coat") n'ibiganiro mu magereza, mu bigo by'amashuri no mu baturage;
- Hamenyekanishijwe amategeko arwanya Jenoside yakorewe Abatutsi, hatangwa n'ibitekerezo ku mushinga w'Itegeko rihana icyaha cy'ihakana n'ipfobya rya Jenoside yakorewe Abatutsi.

c. Ibikorwa bijyanye no kubaka, gusana no gufata neza inzibutso

- Hakurikiranwe ibibazo by'imyubakire y'inzibutso n'imva za Jenoside yakorewe Abatutsi, gufata neza ibimenyetso n'imibiri y'abazize Jenoside:
  - ❖ Mu Gihugu: Murambi, Bisesero, Nyarubuye, Nyamata, Ntarama, Nyanza-Kicukiro, Rebero, Mageragere, Musha, Rwinkwavu, Nyabihu, Kanyinya, Muhororo, Kanombe Airport, Remera, n'ahandi;[4]
  - ❖ Mu mahanga: Kansesero, Lambu, Ggolo, Namirembe, Malembo, Dimo muri Uganda (zahurijwe mu nzibutso eshatu arizo: Kansesero, Lambu, Ggolo) na Rusumo muri District ya Ngara/Tanzaniya);
- Hakurikiranwe ba rwiyemezamirimo bubatse nabi inzibutso za Jenoside za Bisesero, Murambi na Nyarubuye (Dosiye ziri mu bushinjacyaha);

d. Ibikorwa bijyanye no kubungabunga ibimenyetso bya Jenoside

[4] Ibyakozwe kuri buri rwibutso ku buryo burambuye biri ku mugereka No 1

- Hakozwe, ubushakashatsi ku kubungabunga ibimenyetso bya Jenoside, mu rwego rwo guhangana n'abahakana n'abapfobya Jenoside yakorewe Abatutsi. Komisiyo yabifashijwemo n'inzobere zaturutse mu Bwongereza muri Kaminuza ya "Forensic Institute Cranfield"[5]

[5] Raporo iracyaganirwaho n'inzego bireba cyane cyane Minisiteri y'Imari n'Igenamigambi

a. Ibindi byakozwe biragaragara mu mbonerahamwe zikurikira:

Imbonerahamwe ya 1: Inkunga zasabwe ku kubaka inzibutso no gushyingura mu cyubahiro

Igikorwa	Impamvu	Abasabye		Abahawe	
		Umubare	Inkunga	Umubare	inkunga
Kwakira no gusuzuma amadosiye y'abasaba inkunga	Kubaka inzibutso no kuzisana	20	488.094.502	0	0
	Gushyingura imibiri	4	12.310.100	0	0
	Kwibuka	17	140.712.435	16	58.499.690
	Ubufasha bundi	16	657.479.965	2	14.670.870
Igiteranyo		**64**	**1.289.332.402**	**18**	**73.170.560**

Imbonerahamwe ya 2: ibindi bikorwa binyuranye

Igikorwa	Icyo yasabirwaga	Umubare
Kwitabira inama, raporo, gushakisha imibiri, gutanga ibiganiro,		29
Kwakira abagana Komisiyo	Amashyirahamwe	3
	clubs	4
	Gusaba ubuvugizi (gushyingura, itotezwa, akarengane...)	15
	Imfashanyigisho	2

Nk'uko abasabye inkunga ari benshi mu rwego rwo kubaka inzibutso, kwibuka no gukumira Jenoside, Komisiyo abo ishobora kubonera inkunga ni bake bitewe n'ingengo y'imari idahagije bityo ntibashe gutera inkunga ibikorwa biri mu nshingano zayo.

B. IBIKORWA BIJYANYE N'UBUSHAKASHATSI, KUBUTANGAZA N'UBUBIKOSHAKIRO KURI JENOSIDE

Mu nshingano Komisiyo ihabwa n'Itegeko harimo gushyiraho Ikigo cy'Ubushakashatsi, Ububikoshakiro n'Inyandiko zerekeye Jenoside. Komisiyo ikora kandi ubushakashatsi mu byiciro bitandukanye.

Ni muri urwo rwego hakozwe ibikurikira:

a. Ibikorwa bijyanye n'Ubushakashatsi

- Gutera inkunga ubushakashatsi
- Ubushakashatsi bwakozwe na SEKAMANA Jean Marie Vianney, ku mibereho y'Abacitse ku icumu.
- Ubushakashatsi bwakozwe na Padiri Rutinduka Laurent, ku itegurwa n'ishyirwa mu bikorwa rya Jenoside yakorewe Abatutsi muri Murambi/Buganza
- Gukora ubushakashatsi ku ngaruka za Jenoside kubufatanye na CAP hateguwe imishinga yo gutanga amahugurwa ku baturage bo mu murenge wa Rweru , Rukumberi(Akarere ka ngoma), Gishamvu(Akarere ka Huye)

- Gutera inkunga mu gukora filimi kuri Jenoside :

- Hatewe inkunga film documentaire ku buzima bw'abana bacitse ku icumu rya Jenoside batagira aho bataha mu biruhuko, yakoreshejwe mu gikorwa cya *one dollar campaign.*
- Hatewe inkunga film "*kinyarwanda" yakozwe na Ismaël NTIHABOSE*
- Gufasha gukora indilimbo cumi n'eshanu (15)

b. Ibikorwa bijyanye n'Ububikoshakiro n'Isomero

- Gukusanya ibyanditswe kuri Jenoside:

- Hakusanyijwe ibitabo 1398 na za Mémoires n'ibinyamakuru 24, caricatures na discours 50 byakoreshejwe mu gucengeza ingengabitekerezo ya Jenoside
- Hakusanyijwe indilimbo 5 za Simon BIKINDI.
- Hakusanyijwe inyandiko zinyuranye zirimo:
    - Amategeko 10 y'Abahutu yakozwe na Joseph Habyarimana (Gitera) 27/09/1959 ;
    - Amategeko 10 y'Abahutu (Yasohotse muri Kangura No 6. yo mu 1990) ;
    - Urutonde rwa ba Chefs na Sous-Chefs mu Rwanda bashyizweho mu mpera z'ukwezi kwa Kane 1960 n'amoko yabo ;
    - Inyandiko ya Grégoire Kayibanda yitwa: «***Zone Hutu et Zone Tutsi dans une organisation confédérative ;***
    - "Indagano kuri mwene Gahutu aho ari hose" yanditswe na Gitera;
    - Déclaration du Mouvement Démocratique Républicain "PARMEHUTU" yanditswe na KAYIBANDA Grégoire, BICAMUMPAKA B., NDAHAYO Cl., MPAKANIYE, SAGAHUTU J.B., HAKIZIMANA J., SIBOMANA J. MURINDAHABI C.

- Manifeste des Bahutu (Note sur l'aspect social du problème racial indigène au Rwanda) yanditswe na KAYIBANDA Grégoire na bagenzi be ;
- Motion des étudiants Rwandais en Belgique sur le Problème socio ethnique au Rwanda ;

Imbonerahamwe ya 3 : Imbonerahamwe igaragaza inyandiko ziri (Picture) mu isomero rya Komisiyo

No	**Ubwoko bw'ibitabo**	**Umubare wabyo**
1.	Mémoires	128
2.	Social Sciences	17
3.	Amateka y'u Rwanda	48
4.	Ibitabo kuri Jenoside	1102
5.	Iyobokamana	6
6.	Indimi	9
7.	Inkoranyamagambo	3
8.	Ibitabo bindi	18
9.	Amategeko	32
10.	Politiki	12
11.	Psychology	21
12.	Jenoside muri Darfur	2
13.	Holocaust	3
14.	Ibinyamakuru : -New Times -Jeune Afrique -Imvaho Nshya -Journal Officiel -La Nouvelle Relève	 -Ifatabuguzi ku mwaka - Ifatabuguzi ku mwaka - Ifatabuguzi ku mwaka - " " " - " " "
15.	Izindi nyandiko : -Raporo zo kwibuka zose	 15

	-Inyandiko ku nzibutso za Jenoside -Inyandiko ziri administatif -Ubuhamya buri mu nyandiko	45 - 98
16.	FILIMI	
	Indirimbo kuri Jenoside -Audio -Video	 81 16
	Filimi kuri Jenoside	65
	Filimi ku mihango yo kwibuka	15
	Filimi ku nama mpuzamahanga n'izindi zo mu gihugu	8
	Ubuhamya bwafashwe kuri video	135
	Imanza za Gacaca ziri kuri video	17
17.	INYANDIKO ZAKORESHEJWE MU NKIKO GACACA	Uturere 30

NB: Hakiriwe abasomyi banyuranye: abanyarwanda n'abanyamahanga;
Umubare w'abasuye isomero 543.

c. Ibikorwa bijyanye no gutangaza ibiva mu bushakashatsi

- Gufasha kumurika ibitabo byanditswe kuri Jenoside:

- " *Le massacre des Bagogwe. Un prélude au génocide des Tutsi* " Cyanditwe na bwana BIDERI Diogène
- Hatewe inkunga yo gutangaza amateka ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu cyahoze ari Komini Mugina, igitabo cyitwa : « Amateka ya Jenoside yakorewe Abatutsi muri Mugina » cyanditswe na Prof. RUTEMBESA Faustin na MUTWARASIBO Ernest ;

- Kubufatanye na Komisiyo hatangajwe Igitabo cya KAYITESI Berthe cyitwa "***Demain ma vie, Les enfants chefs de famille dans le Rwanda d'après***"
- ***Hatewe inkunga yo gutangaza « Dialogue: Rwanda; 15ans après le génocide des Tutsi: bilan et perspectives*** » (ASBL Dialogue à Kigali).
- ***Hatewe inkunga yo gutangaza igitabo : « Rwanda- Récit du génocide, traversée de la mémoire*** » cya Jean Pierre Karegeye
    - Gufasha kumurika Inyigo shingiro ku ishyirwaho ry'Inzibutso mu rwego rw'Igihugu, urw'Akarere n'urwegereye Abaturage, yakozwe n'itsinda ryari riyobowe na Tom NDAHIRO ribitewemo inkunga na MINISPOC

d. Imyiteguro irebana n'Ishyirwaho ry'Ikigo cy'Ubushakashatsi, Ububikoshakiro no kubutangaza (Research and Documentation Centre on Genocide)

Hateguwe inama zahuje abakozi ba MIFOTRA n'aba CNLG, hemezwa imiterere y'ikigo cy'ubushakashatsi n'ububikoshakiro, hakaba haratazwe isoko ry'inyigo yo kubaka inzu Komisiyo ndetse n'icyo kigo bizakoreramo

Ibitekerezo ngenderwaho byaturutse mu nama yakoreshejwe na CNLG, tariki 06/08/2009 ihuza abashakashatsi banyuranye, n'izindi nzobere mu bushakashatsi.

Ikigo cy'ubushakashatsi, n'Ububikoshakiro giteganwa n'itegeko rishyiraho Komisiyo.

e. Ibindi bikorwa

Imishinga yateguwe na Komisiyo

- Umushinga ku bushakashatsi ku nzibutso hanozwa n'ifishi izakoreshwa muri icyo gikorwa ;
- Umushinga ku ibarura ry'abacitse ku icumu rya Jenoside ;
- Umushinga wo gukora monographies ku mateka ya Jenoside muri Mbazi, Bugesera na Murambi ya Gikongoro,
- Umushinga ku mibanire y'abemeye ko bakoze icyaha cya Jenoside n'abacitse ku icumu ;
- Umushinga ku ngaruka za Jenoside ;
- Umushinga ku ihungabana ;
- Umushinga wo gufasha abafashwe ku ngufu mu gihe cya Jenoside bakanduzwa SIDA ;
- Umushinga wo kubika neza ibimenyetso bya Jenoside yakorewe Abatutsi ;
- Umushinga w'igishushanyombonera cy'inzibutso za Jenoside (Geographical map of Genocide memorial sites)
- Topographical, geographical, geological, and hydrogical studies of memorial sites National, District Level and outside of the country;

Imbonerahamwe ya 4: Imbonerahamwe ikurikira igaragaza Ibikorwa byatewe inkunga

Igikorwa	Impamvu	Umubare w'abasabye inkunga	Inkunga yasabwe uko yanganaga	Umubare w'abahawe inkunga	Inkunga yatanzwe
Kwakira no gusuzuma amadosiye y'abasaba inkunga	Ibitabo	18	138.673.242	4	5.028.000
	Film	25	493.768.060	6	19.378.200
	Indirimbo	36	101.784.950	5	2.245.000
	Ubundi bufasha	17	394.595.580	1	1.000.000
Igiteranyo		**96**	**1.128.821.832**	**16**	**27.651.200**

Mu rwego rwo gukora ubushakashatsi no gukora inyandiko ku mateka ya Jenoside, dosiye zakiriwe zasabaga inkunga ingana na 1.128.821.832frw , izatewe inkunga zahawe 27.651.200 frw 2.4%. Ibi bigaragaza ko inkunga zisabwa mu gukora ubushakashatsi ari nyinshi kandi ingengo y'imari Komisiyo igenerwa idahagije kugira ngo abashakashatsi bose baterwe inkunga.

Kuva muri Mutarama 2009 kugeza mu kwezi kwa Kamena 2010, hasabwe kandi impushya zo gusura cyangwa gukorera ubushakashatsi ahantu hanyuranye.

Imbonerahamwe ya 5 igaragaza inkunga zasabwe n'uko zatazwe mu rwego rw'ubuvugizi

Igikorwa	Impamvu	Umubare w'abasabye inkunga	Inkunga yasabwe uko yanganaga	Umubare w'abahawe inkunga	Inkunga yatanzwe
Kwakira no gusuzuma amadosiye y'abasaba inkunga	Ubuvuzi	2	12.110.000	1	2.000.000
	Ubufasha mu bikorwa by'imishinga	16	296.283.540	8	10.181.334
Igiteranyo		**18**	**308.393.540**	**9**	**12.181.334**

C. IBIKORWA BIJYANYE N'UBUVUGIZI BW'ABACITSE KU ICUMU RYA JENOSIDE

Komisiyo y'Igihugu yo Kurwanya Jenoside yakira ibibazo biturutse mu nzego za Leta, mu miryango irengera ikanavugira abacitse ku icumu rya Jenoside yakorewe Abatutsi ndetse n'iby'abantu ku giti cyabo. Ibibazo byinshi byakirwa ni iby'abantu ku giti cyabo. Mu rwego rwo gukora ubuvugizi bwo gufasha abacitse ku icumu, Komisiyo yakira ibyo bibazo, ikagira inama abafite ibibazo, ikabayobora mu nzego zibishinzwe ndetse rimwe na rimwe ikabashakira imfashanyo cyangwa ikabifashriza iyo byihutirwa.

a. Ibikorwa bijyanye no kuvuganira abacitse ku icumu rya Jenoside

- Hakozwe ubuvugizi FARG ifata abanyeshuri bagera kuri 202 biyongera kubo yari yarafashe uyu mwaka 2008.

- Ibibazo birebana n'ihohoterwa n'urugomo byashyikirijwe Ubushinjacyaha Bukuru (ONPJ), hakurikiranwa ibibazo mu Turere tunyuranye birimo.
- Ibibazo bituruka ku manza za gacaca
- Ibibazo birebana n'amasambu n'imitungo, bamwe barayisubijwe, abandi ubuyobozi bw'ibanze bwiyemeje kubafasha gusubizwa imitungo yabo.

Imbonerahamwe ya 6 iragaragaza ibibazo byakorewe ubuvugizi n'aho bigeze bikurikiranwa

Ibibazo binyuranye byakiriwe	**Umubare**	**Uko byashakiwe igisubizo**	
		Ibyarangijwe	**Ibigikurikiranwa**
Gacaca	247	187	60
Imanza zisanzwe	40	13	27
Akarengane	315	259	56
Kwishinganisha	37	37	0
Imitungo	34	18	16
Ubuvuzi	40	35	5
Amashuri	3392	22	3370
Inkunga	27	8	19
Amacumbi	148	130	18
Kugisha inama	524	524	0
Isambu	121	7	114
Inzu	34	21	13
Imishinga	12	3	9
Igiteranyo	**4961**	**1254**	**3697**

Nk'uko bigaragara mu mbonerahamwe iri haruguru, amasambu n'imanza z'inkiko gacaca nibyo bigoranye kurusha ibindi, naho amashuri yo agaragara ko ar'ikibazo

gikomeye nk'uko bigaragazwa n'umubare munini wabasaba kurihirwa cya gushakirwa ubundi buryo bwo kwiga haba muri za Kaminuza n'andi mashuri y'imyuga.

Igishushanyo cya 1 kigaragaza ibibazo byakiriwe mu rwego rw'ubuvugizi n'uko byasubijwe



N.B : Ku mugereka No 2 hari uko ibibazo byakiriwe hakurikijwe Intara

b. Ibikorwa bijyanye no gushakira imfashanyo abacitse ku icumu rya Jenoside

- Hakozwe ubuvugizi, bamwe mu bapfakazi n'impfubyi bahabwa inkunga yo kwikura mu bukene.
- Mu rwego rwo gushakira umuti ikibazo cy'amashuri CNLG yaboneye amashuri y'imyuga abana 13 (*Umuterankunga ni Ikigo cy'igihugu cyigisha imyuga Kavumu*) mu Kigo cyigisha imyuga itandukanye cya Kavumu/Nyanza (IPRS). Abana icumi (10) bashakiwe umuterankunga (Bureau Social-Gitarama) ubarihira muri za Kaminuza zitandukanye.
- Ku bufatanye na "Avocat Sans Frontieres" Komisiyo yashakiye ubwunganizi mu nkiko abari bafite ibibazo by'imanza. (Umubare w'abagannye Komisiyo bakabonerwa ubwunganizi ni 12)

c. Ibikorwa bijyanye no guhangana n'ingaruka za Jenoside

- Ku bufatanye na MINISANTE, CNLG yagize uruhare mu gikorwa cyo kongera ingufu muri gahunda zifasha kurushaho abahura n'ibibazo by'ihungabana cyane cyane mu bihe by'icyunamo
- Abafite indwara zitandukanye zitavurirwa mu bigo nderabuzima bakorewe ubuvugizi babasha kwivuriza mu bitaro by'Umwami Faisal
- Abafite ibibazo by'ihungabana bakorewe ubuvugizi bavurirwa muri ARCT-Ruhuka, AVEGA, na SCPS/Minisanté, abandi Komisiyo iracyabakurikirana.
- Komisiyo yateguye igikorwa cyo guhugura abafasha mu by'ihungabana, inohereza abakozi mu Turere mu gufasha mu gihe cyo kwibuka.

d. Ibindi bikorwa

- Ku bufatanye bwa MINALOC na FARG, CNLG yagize uruhare mu gikorwa cyo kugenzura amacumbi yubakiwe abacitse ku icumu batishoboye, abahejejwe inyuma n'amateka n'abirukanywe muri Tanzaniya no kubarura abakeneye kubakirwa ndetse no gusanirwa
- Mu rwego rw'umutekano w'abacitse ku icumu, Komisiyo by'umwihariko yakoze ibikorwa bikurikira ishyira mu bikorwa ingamba zasabwe mu myanzuro y'itsinda ryashyizweho na Minisitiri w'Intebe rikuriwe n'Ubushinjacyaha Bukuru:

❖ Gukangurira abageza amakuru kuri Komisiyo kugaragaza ahavugwa umutekano muke n'ihohoterwa no kumenyesha inzego z'umutekano zikorera mu gace barimo kimwe n'inzego z'ubuyobozi bw'ibanze kugirango bifashe abo bireba gukora "suspect mapping".

❖ Kwigerera aho ibyaha byabereye iyo bimenyekanye kugirango ihumurize kandi yongere dukangurire imiryango y'abacitse ku icumu (n'abatangabuhamya) kwirinda ubwabo no gufatanya n'inzego zinyuranye mu gutahura ababa babigizemo uruhare.

❖ Kumenyesha buri gihe inzego z'umutekano (Polisi y'Igihugu) n'ishami ry'Ubushinjacyaha Bukuru rishinzwe umutekano no kurengera abacitse ku icumu n'abatangabuhamya amakuru tugezwaho n'abaturage arebana n'ihohoterwa rikorerwa abacitse ku icumu (Kicukiro, Rutsiro, Huye, Kamonyi, Gatsibo, …).

❖ Kwitabira zimwe mu nama zakoreshejwe aho icyaha cyabereye igihe tubimenyeshejwe kare (Kicukiro, Rutsiro, Huye, …)

❖ Gukora ku buryo ibyo Leta igenera abacitse ku icumu batishoboye bibageraho uko byateganyijwe kandi mu gihe gikwiye kugira ngo bashobore kwivana mu bukene bukabije:

